Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Urubyiruko,
Siporo n'Umuco
BP.1044 Kigali

Kigali ,07/11/2000

# ITANGAZO

Minisitiri w'urubyiruko, siporo n'umuco anejejwe no gutumira ba ankadereri b'urubyiruko mu ma perefegitura n'abahuzabikorwa b'inzego z'urubyiruko mu nama ibateganyirijwe kuri uyu wa gatanu taliki 10 Ugushyingo 2000 isaa tatu ,mu rwego rwo gutegura Isangano ry'urubyiruko

Inama izabera Kuri stade AMAHORO

Buri wese asabwe kudasiba no kudacyerererwa

**Faransisiko NGARAMBE**
Minisitiri w'urubyiruko,Siporo n'umuco

**REPUBLIQUE RWANDAISE**

**KIGALI 06 Novembre 2000**
**N°...............................**

**MINISTERE DE LA JEUNESSE**
**DES SPORTS ET DE LA CULTURE**
**<u>BP 1044 KIGALI</u>**

Note à l'Ordonnateur Trésorier
du Rwanda
Kigali

Monsieur,

Il y a lieu d'émettre une ordonnance de payement d'un montant de.............................................(Frw) sur le compte N°...................... « fonctionnement » du MIJESPOC

Cette somme sera utilisée dans l'organisation du Festival National de la Jeunesse prévu du 08 au 10 décembre prochains. Elle sera retirée sur la rubrique N° ................... du budget ordinaire « jeunesse » créée pour cette activité

Certifié sincère et véritable et arrêté à la somme de ..........................................(..........Frw)

**François NGARAMBE**
Ministre de la jeunesse ,
des sports et de la culture

irifuza ko hazaba n'umuganda w'urubyiruko mu rwego rwo kugaragaza uruhare rwarwo mw'iterambere ry'igihugu..

-Nyuma y' icyo gikorwa cy'ijonjora ,buri Perefegitura izohereza :

.Umwari n'Umuhungu bari hagati y'imyaka 13 na 16 biruka m100

.Undi muntu w'igitsina gore n'uw'igitsina gabo biruka m800 bari hagati y'imyaka 17 na 20

.Na none hazaza abantu babiri bari hagati y'imyaka 21 na 35 bazasiganwa muri m5000 umwe w'igitsina gabo undi w'igitsina gore

.Abantu bandi 6 batarengeje imyaka 35 bo mu bitsina byombi barimo abazi kuririmba n' imivugo

.Bazaherekezwa n'umukangurambaga w'urubyiruko muri Perefegitura ari kumwe n'abantu babiri bo mu nzego z'urubyiruko bazaza kumurika ibikorwa by'urubyiruko bikorwa muri Perefegitura mu rwego rwo kwongera umusaruro n'ubukorikori .

**Icyitonderwa**

-Ibikorwa by'isangano bishingiye ku nsanganyamatsiko

**« Twese hamwe ,mu kinyejana gishya ,duharanire amajyambere twunze ubumwe »**

Abahanzi bagomba kubyitwararika

-Urubyiruko rwo mu mashuri no muri za CFJ ntiruzirengagizwe mu bikorwa by'isangano

Twiteguye ,Bwana Perefe ,kubagezaho ibindi bisobanuro bizakenerwa ku isangano n'indi nkunga muzadukeneraho mu buryo bushoboka .Tubaye tubashimiye uruhare muzagira kugira ngo iki gikorwa gitungane.

**Faransisiko NGARAMBE**
Minisitiri w' Urubyiruko,
Siporo n'Umuco

**Bimenyeshejwe :**

-Nyakubahwa Perezida wa
Repubulika y'u Rwanda
-Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
**- Perezida w'Inama Nkuru y'Urubyiruko**
**KIGALI.**

03/11/2000

# Memorandum :

**Impamvu** : Budget iteganyijwe mw'Isangano ry'Urubyiruko

**Ibizakenerwa**
Biteganyijwe ko mw'isangano hazaza za abantu 15 baturutse muri buri Perefegitura ;bakazacumbikirwa mu minsi itatu isangano rizamara. Ufashe umubare rusange w 'abazaturuka mu ma perefegitura yose y'u Rwanda n'abazaba bashinzwe imibereho yabo, hazacumbikirwa :

| | |
|---|---|
| -Abo mu ma perefegitura :15 x12 =180 | |
| -Abakozi | 20 |
| **Bose hamwe:** | **200** |

**Ibyaboneka**
Umushinga S.D.K uzabonekamo ubushobozi bwose bujyanye n'imyiteguro (kwamamaza,gutumira ,gutegura inyandiko …) .Mu gihe cy'isangano ,icumbi rizashakishwa mu bushobozi bwite bwa Minisiteri (gushaka aho kuraza abantu no gushaka matera ),abaje bizanire ibyo kwiyorosa . Ni ngombwa gushaka vuba andi mafaranga azakenerwa kugira ngo isangano rizashobore kuba

**Ingengo y'imali**

| | |
|---|---|
| Ifunguro ry'abazaza mu isangano :200x3x 3.000= 1.800.000 Frw | |
| Itike | 3.000x200=600.000 Frw |
| T-Shirts | 2.000x200=400.000 Frw |
| Abakozi | 20.000x20=400.000 Frw |
| Logistique (Amavuta ,bus ,gutegura venue ) | 1.000 .000 Frw |
| Gufunga no gufungura (réception) | 300.000x2=600.000 Frw |
| Ibihembo | 1.000.000 Frw (forfait) |
| Ibindi (ubutabazi .... ) | 580.000 Frw (10%) |

Yose hamwe **6.380.000 Frw**